**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA MUSANZE**

**ICYEMEZO N° 02/2022/TGI/MUS GITEGEKA ABATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO**

Umwaka wa **2022**, Umunsi wa **15** w'Ukwezi kwa **02**;

**Twebwe MUNYAWERA Sophonie** , Visi Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze, dufashijwe na **MALAYIKA Marie Chantal** , Umwanditsi muri urwo Rukiko;

**Tumaze** kubona urubanza **RP/ECON 00019/2021/TGI/MUS**, Ubushinjacyaha buregamo **MUKANDAYISENGA Beatrice** mwene SENZOGA Leonard na NYIRAMAHORO Catheline utuye mu mudugudu wa Giramahoro, akagali ka MPENGE, umurenge wa Muhoza, akarere ka Musanze, Intara y'Amajyaruguru, akaba ariho yari atuye, ntacyo atunze kizwi , ,akurikiranywe **yaratorotse ubutabera;**

Tumaze kubonako akurikiranyweho icyaha cyo Guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe n'icyaha cyo gukubita no gukomeretsa ku bushake biteganywa kandi bigahanishwa ingingo ya 147 n'iya 121 z'itegeko n°68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange;

**Tumaze** kubona ko uregwa yatorotse ubutabera nk'uko bigaragazwa n'umwanzuro wo gutanga ikirego wakozwe n'ubushinjacyaha ,

**Dushingiye** ku ngingo ya 160, iya 161 n'iya 162 z'itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha

**Dutegetse** ko **MUKANDAYISENGA Beatrice** yitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze kuwa **15/03/2022 saa mbiri za mugitondo**, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko, ndetse urubanza rukazaburanishwa adahari;

**Dutegetse** ko iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru Imvaho Nshya cyangwa kuri **web site** y'Urukiko rw'Ikirenga kandi kikamanikwa ku Rukiko Rwisumbuye rwa Musanze., ku Karere ka Musanze , no ku Murenge wa Muhoza .

**N'UKO BYEMEJWE KANDI BITEGETSWE KU MUNSI, UKWEZI N'UMWAKA BYAVUZWE HARUGURU.**

| | |
|---|---|
| **VISI/PEREZIDA** | **UMWANDITSI** |
| **MUNYAWERA Sophonie** | **MALAYIKA Marie Chantal** |